*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo rukomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ("TPIR") n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya ("TPIY") zashoje imirimo yazo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2017, uko zikurikirana.*

# IFISHE Y'AMAKURU YEREKERANYE N'URUBANZA

*Ibiro bya Porokireri wa IRMCT bifite inshingano zo gushakisha, gufata no gukurikirana abantu bose batarafatwa bakorewe Inyandiko y'ibirego na TPIR kubera uruhare bivugwa ko bagize muri jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994. Kugera ubu, abantu batatu baregwa ni bo basigaye batarafatwa kandi imanza zabo zoherejwe kuburanishirizwa mu Rwanda. Abo ni: Aloys Ndimbati, Charles Ryandikayo na Charles Sikubwabo.*

*Iyi Fishe y'amakuru ku rubanza yerekeranye na Fulgence Kayishema, wafatiwe i Paarl muri Afurika y'Epfo, ku itariki ya 24 Gicurasi 2023, mu gikorwa abayobozi bo muri Afurika y'Epfo bafatanyijemo n'Ikipe ishinzwe gushakisha abantu baregwa batarafatwa y'Ibiro bya Porokireri wa IRMCT.*

## MICT-12-23

### YARAFASHWE – FULGENCE KAYISHEMA



Fulgence Kayishema yari umugenzacyaha muri Komine ya Kivumu muri Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, mu gihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

| | |
|---|---|
| **Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye** | 1961, Komine ya Kivumu, Perefegitura ya Kibuye, Rwanda |
| **Inyandiko y'ibirego** | Inyandiko y'ibirego ya mbere yamukorewe yemejwe n'Umucamanza wa TPIR ku itariki ya 28 Ugushyingo 1995<br>Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 5 Nyakanga 2001 |
| **Aho urubanza rugeze** | Yafashwe ku itariki 24 Gicurasi 2023 |

# AMAKURU YEREKERANYE N'URUBANZA

## INYANDIKO Y'IBIREGO

Fulgence Kayishema yarezwe icyaha cya jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside, n'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu byakorewe muri Komine ya Kivumu, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda, hagati y'itariki ya 6 n'iya 20 Mata 1994; muri icyo gihe akaba yari umugenzacyaha muri ako gace.

Mu Nyandiko y'ibirego igenderwaho yakorewe Kayishema, yo ku itariki ya 5 Nyakanga 2001 ("Inyandiko y'ibirego"), aregwa kwica Abatutsi cyangwa kubateza ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe cyangwa, ibyo byaramuka bitamuhamye, kuba icyitso cy'ababikoze, ku itariki ya 6 n'iya 20 Mata 1994 cyangwa hagati y'ayo matariki, muri Komine Kivumu, muri Perefegitura ya Kibuye, agamije kubarimbura bose cyangwa igice cyabo, bazira ubwoko bwabo. Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo kandi ko Kayishema n'abandi bantu bumvikanye kugira ngo bakore jenoside ku itariki ya 6 no ku ya 20 Mata 1994 cyangwa hagati y'ayo matariki, muri Komine ya Kivumu, Perefegitura ya Kibuye, bica abantu bo mu bwoko bw'Abatutsi cyangwa bababateza ububabare bubazahaza umubiri cyangwa mu mutwe bagamije kurimbura abo bantu bose cyangwa igice cyabo.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo kandi ko, ku itariki ya 15 Mata 1994 cyangwa hafi yayo, Kayishema yacuze umugambi wo gusenya Kiriziya ya Nyange, muri Komine ya Kivumu, yarimo Abatutsi barenga 2000 babuze uko basohokamo bagapfiramo, ahamagarira abandi bantu uwo mugambi, abategeka kuwushyira mu bikorwa cyangwa awubashyigikiramo. Bivugwa ko iyo kiriziya imaze gusenywa, abenshi mu Batutsi bo muri Komine ya Kivumu bishwe ku buryo, muri Nyakanga 1994, nta Mututsi wari ukibarizwa muri iyo komine.

**Ikirego cya jenoside** (Ikirego cya 1)

**Ikirego cyo kuba icyitso cy'abakoze jenoside** (Ikirego cya 2)

**Ikirego cy'ubwumvikane bugamije gukora jenoside** (Ikirego cya 3)

**Ikirego cy'ibyaha byibasiye inyokomuntu**
• Itsembatsemba (Ikirego cya 4)

## KWIMURIRA URUBANZA MU RWANDA

Ku itariki ya 22 Gashyantare 2012, Urugereko rwa TPIR rwategetse ko urubanza rwa Fulgence Kayishema rwimurirwa muri Repubulika y'u Rwanda ("U Rwanda").

Ku itariki ya 7 Gicurasi 2014, Umucamanza umwe rukumbi wa IRMCT, Vagn Joensen, yasabye ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye gushakisha Kayishema, kumufata no kumushyikiriza Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Rwanda.

Ku itariki ya 24 Gicurasi 2023 Kayishema yafatiwe i Paarl, muri Afurika y'Epfo, mu gikorwa abayobozi b'icyo gihugu bafatanyijemo n'Ikipe ishinzwe gushakisha abantu baregwa batarafatwa y'Ibiro bya Porokireri wa IRMCT. Byitezwe ko Kayishema azoherezwa mu Rwanda kugira ngo abe ari ho aburanishirizwa.

Ukeneye andi makuru, wasura urubuga rwa interinete rwa IRMCT www.irmct.org.
Ibibazo by'itangazamakuru byoherezwa kuri imeyiri: mict-press@un.org.